/NY.MB/F.B/

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
SIPORO UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE MULI
CYANGUGU

Cyangugu, kuwa 05/01/1998

Nº 001/21.15/03

A traiter par .......
Date entrée : 7/01/1998
Nº Classement : 223/91

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
KIGALI.-

Impamvu : Gahunda y'ibikorwa by'ingenzi bizakorwa muli 1998.-

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kuboherereza gahunda y'ibikorwa by'ingenzi biteganywa gukorwa mu buyobozi bw'Urubyiruko, siporo, umuco no kwigisha imyuga iciriritse muri uyu mwaka dutangiye w'1998, nkuko mubibona ku mpapuro zometse kuli iyi baruwa.

Nkuko bigaragara, ibikorwa byinshi muri ibi biteganijwe bizakenera amafaranga, kandi serivisi yacu ikaba ari ntaho igira yayakura ndetse na Perefegitura muli rusange ikaba ari nta kigega ifite cyafasha ibikorwa nk'ibi. Bizaba ngombwa rero ko dukenera inkunga, bityo rero tukaba tubasaba Nyakubahwa Bwana Minisitiri, ko mwadutera inkunga, kimwe n'uko, nkuko bisanzwe tubifashijwemo n'ubuyobozi bwa Perefegitura tuziyambaza imwe mu miryango itagengwa na Leta ikorera muli Perefegitura yacu.

Tubifulije kubyakira neza.

UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO SIPORO
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
NYILINGANGU Mbonyi.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
ENCADREMENT PREFECTORAL DE CYANGUGU
MIJEUMA

Bimenyeshejwe :
Bwana Perefe wa Perefegitura
CYANGUGU.-

Kibungo, kuwa 20.10.1997

№ 149/21.08.01

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA KIBUNGO
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,
IMIKINO, UMUCO NO KWIGISHA
MYUGA ICIRIRITSE.

Innocent
pour exploitation
et Info aux directeurs
des départements
chacun en ce qui
le concerne.
19-12-1997

A traiter par :
Date reçue : 19/12/97
N° Classement : 09/33/91

Nyakubahwa Ministiri w'Urubyiruko, Imikino,
Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse

K I G A L I.

IMPAMVU/ Inyandiko-mvugo

Nyakubahwa Ministiri,

Hamwe n'iyi barwa, nishimiye kubagezaho Inyandiko-mvugo y'inama yaduhuje n'abayobozi b'Urubyiruko, Imikino, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse muri Kibungo, yabaye taliki ya 26/09/1997.

Murakoze.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Imikino,
Umuco no kwigisha Imyuga
iciriritse

BAGOROZI Côme.

BIMENYESHEJWE/
- Bwana Perefe wa Perefegitura
K I B U N G O.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO
KUWA 26.09.1997.

IBYARI KURI GAHUNDA Y'INAMA.

- Aho imirimo igeze
- Uko Raporo y'Umwaka izaba iteye
- ~~Imikoranire y'Abanyeshuri bavuye mu NGANDO~~
- Utuntu n'utundi.......
- Ikibazo cya MAYIBOBO.

INTERURO.

Nkuko bisanzwe bigenda buri gihembwe, haba inama ihuza abashinzwe Urubyiruko mu makomini n'abahagarariye MIJESCAFOP mu rwego rwa Perefegitura.

Uhagarariye MIJESCAFOP mu rwego rwa Perefegitura yatangiye amesha abari mu nama ko inama ari isanzwe y'igihembwe, asaba ko hatangwa ibitekerezo byiza kandi bisobanutse kugirango inama yihute, irangire nicyo igezeho cyiza. Niko gutanga ijambo buriwese avuga uko muri rusangi biteye. Ingingo yose yavuzweho.

I. AHO IMIRIMO IGEZE.

Abayobozi b'Urubyiruko mu makomini bagaragaje ko imirimo bashinzwe bagerageza kuyikora, ariko ko kureba uburyo buke bwo kugera muri za Segiteri, ibyinshi bakora babura uko babikurikirana maze bigasubira inyuma. Bagiye batanga ingero nko kunzego z'Urubyiruko zishingwa ariko ntizikore kubera izindi nzego zitita ku kibazo cy'Urubyiruko. Nkuko abayobozi b'Urubyiruko babigaragaje, ubu ahenshi iyo Urubyiruko rutumijwe mu nama ruritaba kandi rugatanga ibitekerezo.

Kibijyanye n'imikino, Shampiyona mu masegiteri yarabaye, yahuzaga Urubyiruko mu makomini yose, hari aho zitararangira. Imikino muri rusangi n'imyidagaduro, Urubyiruko rurayitabira. Ingorane zihari ni ubukene bwo kubura imipira muri za Segiteri.

Nkuko byagaragajwe n'abayobozi b'Urubyiruko, ni uko amasegiteri yose amaze kumva ko Leta idashobora kubona imipira yakwiza mu ma segiteri yose buri mwaka. Buri segiteri ubu zishakira imipira kandi zirabishoboye.

Kubijyanye n'inzego z'Urubyiruko, na nubu ntabwo zirakomera kuko izindi nzego z'Ubuyobozi zitabyitaho. Abari mu nama basabye ko hafatwa gahunda yo kubonana na ba Burugumestiri na ba Konseye bo muri za Komini zose kugirango ikibazo cy'Urubyiruko kiganirweho.

.../...

Amabarura y'Urubyiruko nayo afite ibibazo byinshi, kuko abashinzwe Urubyiruko muri komini nta buryo bwo kugera muri za segiteri bafite. Ubutumwa babutanga mu manama ya komini babuha abakonseye, nabwo ntibutungana kuko batabikora.

Abayobozi b'Urubyiruko barasaba ko babonerwa uburyo kugirango bashobore gusura Urubyiruko muri za segiteri.

II. UKO RAPORO M'UMWAKA IZABA ITEYE.

Raporo y'Umwaka izava mu makomini twasanze igomba kuba ifite ingingo zimwe, kuburyo ibikorwa byakozwe cyangwe bitakozwe aribyo byonyine bitandukanya izo raporo, ariko ingingo nkuru ziyigize hase zikaba zimwe. Izo ngingo nazo ni izi:

1. Interuro
2. Urubyiruko:- Igice kirebana n'Urubyiruko gifite ingingo nyinshi.
   - Inzego z'Urubyiruko uko zimeze.
   - Ibarura ry'Urubyiruko kuva ku myaka 6-25 ans
   - Ibigo by'Urubyiruko
   - Imiryango y'Urubyiruko
   - Ibikorwa nyongera bukungu by'Urubyiruko.

III. IMIKINO N'IMYIDAGADURO.

Iki gice nacyo gifite ingingo nyinshi zigomba gusobanurwa:

a) IMIKINO RUSANGE.

-Umupira w'Amaguru uko wifashe muri za komini uhereye muri za segiteri. Niba hari Shampiyona muri Komini yakozwe bigasobanurwa. Byongeye hakanavugwa n'ibibuga by'umupira biri muri Komini.

- Umupira w'Intoki/Volley ball, Basketball, Hand ball nawo ni ukuwusobanura niba hari amarushanwa akorwa ndetse niba hari n'ibibuga bikinirwaho.

b) IMIKINO KU GITI CYE.

- Imikino Ngororangingo: Kubijyanye n'iyi mikino hagombaga gutangwa umubare w'abantu bayikora niba hari ikipe zashyizweho muri za Komini ( Clubs), binashobotse n'amazina y'aba Athlètes agatangwa na discipline zabo, n'ukuvuga icyo barushanwamwo n'abandi.

- Isiganwa ku magare: Nabo ni ngombwa ko muri raporo hagaragazwa umubare w'Abasore n'inkumi bajya muri ayo marushanwa, niba bakora umwe wese kugiti cye cyangwe se muri équipe ( Club ).

... / ...

IV. IMYIDAGADURO.

Muri kino gice, hakwiye kugaragazwa umubare w'Amatorero ari muri Komini muri TABURO (Tableau) yabigenewe.

Amarushanwa yagiye abaho mu nzego zose nayo akagaragazwa.

V. IMIRYANGO ITAGENGWA NA LETA IKORANA N'URUBYIRUKO.

Muri rusangi, hagombaga kugaragazwa ibyo iyo miryango ikora, uburyo ikora.

Muri iyo mikorere, ni ngombwa kwerekana niba ikorana n'Ubuyobozi, cyangwe se ikora ibyo yishakiye.

IBYAKOZWE N'IYO MIRYANGO.

* Niba hari infashanyo iyo miryango itanga mu Rubyiruko:
  - Mu Mashyirahamwe
  - Mu mikino
  - Niba hari amahugurwa bakoresha.

VI. UMWANZURO.

Inama yasanze buri muyobozi azajya atanga umwanzuro wa Raporo ye ashingiye kungingo n'uko iyo raporo imeze.

VII. UTUNTU N'UTUNDI.

IKIBAZO CYA MAYOBOBO.

Abana b'inzererezi bamaze kuba benshi kuri za centre zose cyane cyane aho impunzi za 94 zitahukiye.

Abo bana bakwiye kwitabwaho kugirango nabo bashobore kuzagira icyo bimarira.

Inama yemeje ko hagiye kubaho ibarura ryabo bana, umubare wabo bishobotse ukaba wabonetse mu mpera z'uno mwaka.

AMAHUGURWA YABA ENCADREUR BA ZA KOMINI.

Ayo mahugurwa nkuko yari yateguwe akwiye kubaho, abari mu nama bakaba barasabye ko Ministeri yakora ibishoboka kugirango abeho kuko bayakeneye ndetse bishobotse agatangirana n'uyu mwaka.

N.B/ Kubibazo bya Shampiyona y'umupira w'amaguru, abayobozi b'Urubyiruko bavuze ko urubyiruko hose rwitabira iyo Shampiyona, ariko hari ibibazo byo kubura imipira.

. ... / ...

Aba Burugumestiri bamwe batabyitabira, hakaba hari n'ikibazo cy'uko igihe cy'amarushanwa imikino imwe ipfa kubera kubura ba Arbitire babishoboye.

Hanavuzwe ikibazo cy'umupira wahuje KABARONDO na KAYONZA utarangiye, abayobozi bayo makomini bagize icyo babivugaho, ariko abari mu nama basanze umwe kugiti cye akurura yishyira, noneho basaba Umuyobozi w'Urubyiruko mu rwego rwa Perefegitura ko yakora iperereza kuri uwo mukino noneho akazandikira izo komini.

Hagati ya NYARUBUYE na BIRENGA naho havutse ikibazo. Umuyobozi w'Urubyiruko wa NYARUBUYE yamenyeshejwe ko ikipe ye itazaza gukina kubera ko hari indi mikino yari yateganijwe i Kibungo, yabirenzeho azana abakinnyi.

Yisobanuye avuga ko yabivuze abakinnyi banga kubyemera, ndetse na Burugumestiri amwumvusha ko ikipe igomba gukina.

Ikipe yaje kuza isanga BIRENGA F.C itabizi ariko twanga ko ikipe isubira inyuma idakinnye, hashatswe abanyeshuri bo muri E.T.O barakina.

Abari mu nama basabye ko kubera ko Nyarubuye yarenze kubyo bbari bayibwiye ikaza gukina, umukino yagize utazabarwa mu mikino ya Shampiyona, hazategurwa iyindi gahunda noneho bagahura na Birenga.

UMUYOBOZI W'INAMA/

BAGOROZI Côme.-

(signature)